# IKINYAMAKURU INTWARARUMURI

MATA – KAMENA 2025

Unity Club

"Towards a common goal"



*Bafatanyabikorwa, Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa byacu byo mu gihembwe cya kane, gihera muri Mata kugeza muri Kamena 2025, ari nacyo gisoza umwaka wa 2024/2025.

Ibikorwa tubamurikira muri iki Kinyamakuru gito cyacu **"Intwararumuri"** bishingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye ya Unity Club igamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza yabo, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.



# IBIRIMO


**01**
Kwibuka31:
1.1. Ubutumwa bwa Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri
1.2. Intwararumuri zifatanyije n'Ababyeyi b'Intwaza Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi
1.3. Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Nyamata ..... **04**

**02**
Ikiganiro ngarukagihembwe kuri Ndi Umunyarwanda mu mudugudu wa Taba ..... **08**

**03**
Ikiganiro: Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda gica kuri Radio na Televiziyo y'u Rwanda
3.1. Kwibuka31: Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu Kurwanya Ingenzabitekerezo ya Jenoside
3.2. Uruhare rw'Umurimo mu kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda
3.3. Uruhare rw'urubyiruko mu kwimakaza Ndi Umunyarwanda ..... **09**

**04**
Kwagura Impinganzima ya Nyanza n'iya Huye ..... **10**

**05**
Kubaka ubushobozi bw'Abanyamuryango ba Unity Club ..... **11**

**06**
Gusoza icyiciro cya kane cy'umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza ..... **12**

**07**
Intwararumuri bakomeje kwimakaza umuco w'imibanire myiza ..... **14**

**08**
Kumenyeshanisha ibikorwa bya Unity Club ..... **15**

**09**
Ibikorwa by'Ingenzi biri Imbere ..... **15**

# 01 KWIBUKA31:

### 1.1. Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME yageneye Ubutumwa Abanyarwanda

Mu butumwa bwo kwifatanya n'Abanyarwanda bose, mu minsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yagaragaje ko "Kwibuka ariyo ntango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda."




Reba hano: http://bit.ly/4eHPWGR

Hari n'ubutumwa bwatanzwe n'Intwararumuri , Intwaza n'umurinzi w'Igihango:

Intwararumuri, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo
**Hon. Rwego NGARAMBE:** https://bit.ly/40MNEAv

Umurinzi w'Igihango, **Madamu Immaculée Ilibagiza:**
https://bit.ly/3Il9R2k

Intwararumuri, **Madamu Astrid DUSHIMIMANA:**
https://bit.ly/44mT4oa

Intwaza, **Bwana Eugène KAREKEZI:**
https://bit.ly/4kuVh5G

### 1.2. Intwararumuri zifatanyije n'Ababyeyi b'Intwaza Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi

Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri bifatanyije n'Intwaza Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Iki gikorwa cyabereye mu ngo enye z'Impinganzima mu turere twa Huye, Bugesera, Nyanza na Rusizi. Hibutswe by'umwihariko abari bagize imiryango yabo yishwe ikazima.



*Tariki 23/04/2025, mu Mpinganzima ya Huye, twibutse abantu 662 bo mu miryango y'ababyeyi b'Intwaza.*



*Tariki 25/04/2025, mu Mpinganzima ya Bugesera, twibutse abantu 548*



*Tariki 30/05/2025, mu Mpinganzima ya Nyanza, twibutse abantu 527*



*Tariki 06/06/2025, mu Mpinganzima ya Rusizi ,twibutse abantu 308*

**Soma Inkuru zo Kwibuka 31 ukanze kuri  izi Link:**

- https://mobile.igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/nyanza-unity-club-yifatanyije-n-intwaza-kwibuka-jenoside-yakorewe-abatutsi
- https://www.newtimes.co.rw/article/26872/news/kwibuka/over-500-genocide-victims-remembered-as-intwararumuri-stands-with-intwaza-in-nyanza
- https://www.newtimes.co.rw/article/25923/news/kwibuka/intwararumuri-stands-with-intwaza-of-huye-impinganzima-during-kwibuka-31
- https://www.newtimes.co.rw/article/26145/news/kwibuka/unity-club-intwararumuri-honours-genocide-victims-urges-youth-to-uphold-truth

### 1.3. Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Nyamata, tariki 02/05/2025



*Abanyamuryango ba Unity Club bunamiye Abatutsi baruhukiye mu Rwibutso rwa Nyamata*

Uru Rwibutso rwa Nyamata  ni ahahoze ari kiriziya, aho abarenga ibihumbi 10,000 biciwe mu kiriziya bahahungiye. Ubu haruhukiyemo imibiri ibihumbi 45, biciwe hirya no hino mu Bugesera. Uru rwibutso kandi rwashyizwe mu murage w'isi na UNESCO mu nzibutso 4 zigaragaza amateka mabi n'ubukana Jenoside yakoranywe. Uru rwibutso rufite umwihariko wo kugaragaza uruhare rw'ubutegetsi bubi mu mateka y'itotezwa n'ubwicanyi byakorewe Abatutsi kugera ku ndunduro ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Intwararumuri Amb. Vincent KAREGA yahaye ikiganiro Abanyamuryango ba Unity Club cyagarutse ku mateka yateye Jenoside, aho u Rwanda rugeze rwiyubaka n'ingamba zo gutsinda ibyo aribyo byose byasenya u Rwanda aho byaturuka hose.








*Intwararumuri Amb. Vincent KAREGA atanga ikiganiro*

Muri iki gikorwa cyo gusura Urwibutso, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE, mu ijambo rye yongeye kugaruka ku kurwanya umuntu wese ugoreka amateka y'Igihugu cyacu, ati: ***"Tuzakomeza kurwanya twivuye inyuma abashaka kugoreka amateka yacu bakwirakwiza ibinyoma, bahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abarutsi. Tuzakomeza gushyira hamwe duharanira ko ukuri guhabwa intebe mu Rwanda no mu mahanga".***




*Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club  Hon. Marie Solange KAYISIRE atanga ubutumwa bw'Umunsi*



*Umuyobozi Mukuru wungirije Wa Mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE yandika ubutumwa bw'ihumure mu gitabo cy'abashyitsi*

Reba Amafoto hano: *https://www.flickr.com/photos/unityclubrw/54492219573*

Soma Inkuru:
*https://www.newtimes.co.rw/article/26145/news/kwibuka/unity-club-intwararumuri-honours-genocide-victims-urges-youth-to-uphold-truth*

## 02 IKIGANIRO NGARUKAGIHEMBWE KURI NDI UMUNYARWANDA MU MUDUGUDU WA TABA

Ni mu kiganiro ngarukagihembwe kigenerwa abaturanyi b'Impinganzima ya Huye mu mushinga ukomatanyije w'Iterambere rirambye (Integrated Community Development Project ICDP), cyabaye tariki 09/05/2025, ku insanganyamatsiko: ***"Gukomeza gusigasira Ubumwe bwacu twirinda, tunarwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside aho yagaragara hose."***




*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madamu Julienne UWACU*



*Bamwe mu banyamuryango ba Unity Club n'abaturanyi b'Impinganzima ya Huye mu Kiganiro*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umuryango Unity Cub Intwararumuri, Madamu Julienne UWACU, yasabye ababyeyi bagifite ingengabitekerezo y'urwango kwirinda kuyiraga urubyiruko kuko ari rwo maboko y'igihugu kandi rukaba rutashobora kugikorera rwishoye muri ibyo byaha.

***"Twakwibaza tuti umwana w'imyaka 13, 15 na 20 umaze iyo myaka mu gihugu kivuga ubumwe kidaheza mu mashuri no mu kazi, urwo rwango aruvana hehe? Nta handi twarushakira uretse ku babyeyi."***

Yavuze ko bigayitse kuba hari ababyeyi baha abana uwo murage w'urwango ariko kandi ko abazabifatirwamo batazabura guhanwa, asaba ababyeyi kubyirinda

Reba Inkuru hano:
*https://mobile.igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/ntitwifuza-ko-urubyiruko-rwagakoreye-igihugu-rwuzura-mu-magororero-kubera*

Reba Amafoto: *https://www.flickr.com/photos/unityclubrw/albums/72177720326070423/*



## 03 URUBUGA RWA NDI UMUNYARWANDA KURI RBA

Ni ibiganiro ngarukakwezi kuri Ndi Umunyarwanda bitegurwa na Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE ku nkunga ya RBA. Muri iki gihembwe habaye ibiganiro bitatu byagarutse ku nsanganyamatsiko zikurikira:

### 3.1. Kwibuka31: Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu Kurwanya Ingenzabitekerezo ya Jenoside




Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na **Amb. Diane GASHUMBA,** Umunyamuryango wa Unity Club; **Madamu Laurence MUKAYIRANGA,** Umukozi muri MINUBUMWE na **Frank SHYAKA,** Umuyobozi w'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Nyarugenge.

Cyari gifite intego yo kugaragaza ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu Rwanda no mu Mahanga.
***"…Abanyarwanda bamwe bibwiraga ko ambassade zacu zikora nk'iza mbere ya 1994, ariko babonye itandukaniro kuko twakira Abanyarwanda bose nta vangura…"*** **Amb. Diane GASHUMBA,** Umunyamuryango wa Unity Club

Ikiganiro kirambuye Link: *https://www.youtube.com/watch?v=9IPPhTHGKGw*

### 3.2. Uruhare rw'Umurimo mu kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda




Ni ikiganiro cyagizwemo uruhare na **Amb. Christine NKURIKIYINKA,** Minisitiri w'Umurimo akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club; **Bwana Eric MAHORO,** Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE na **Claudine UWAMAHORO,** urubyiruko rwagize ubudaherwa, rukihangira umurimo.
Cyari gifite intego yo kugaragaza uburyo umurimo ugira uruhare runini mu kuzamura Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

***"Duhindure imyumvire: Nta kazi gasuzuguritse, kuba kakwinjiriza karuta kwirirwa wicaye usaba."*** **Amb. Christine NKURIKIYINKA,** Minisitiri w'Umurimo akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club.

Ikiganiro kirambuye Link: *https://www.youtube.com/watch?v=AcErce6YWwA*

### 3.3. Uruhare rw'Umurimo mu kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda




Ikiganiro kirambuye Link:
*https://www.youtube.com/watch?v=x4o-qTQ0JHQ*

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na **Dr. UTUMATWISHIMA Jean Nepo Abdallah,** Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club; **Tito HARERIMANA**, umunyeshuri mu cyiciro cya gatatu cya Kaminuza muri Kaminuza ya Kigali, akaba Umwe mu bakoresha cyane imbuga nkoranyambagana **Eliane NIYONKURU**, umunyeshuri muri Kaminuza ya INES-Ruhengeri, akaba n'umuyobozi w'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Cyari gifite intego yo kugaragaza ko, urubyiruko rushyize imbere Ubunyarwanda ari ko kubaho k'u Rwanda n'ingamba zihari zo gukomeza kubakira urubyiruko ubumenyi ku mateka na Ndi Umunyarwanda.

*"...Urubyiruko ruragaragaza ko rushyigikiye gahunda yo kubaka u Rwanda twifuza nk'Abanyarwanda, ariko kurwigisha amateka ni igikorwa tugomba guhozaho..."*

**Dr. UTUMATWISHIMA Jean Nepo Abdallah,**
Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club.

## 04 KWAGURA IMPINGANZIMA YA NYANZA N'IYA HUYE

Muri iki gihembwe cya kane hakozwe ivugururwa ku bikorwa byihariye, harimo inzu y'uburiro yavuguruwe mu Impinganzima ya Nyanza ndetse hubakwa n'Umuyoboro w'amazi yimvura, Muri iki gihembwe kandi hamuritswe inzu mberabyombi ndetse n'ibibuga by'imikino ya Basktball na Volley Ball byubatswe mu mushinga ukomatanyije w'iterambere rirambye mu mudugudu wa Taba mu Karere ka Huye.



*Uburiro (Dinning room) bwo mu rugo rw'Impinganzima ya Nyanza bwaravuguruwe*



*Hubatswe umuyoboro w'amazi y'imvura mu mudugudu wa Taba – ICDP Huye*





*Ibibuga by'imikino*



*Inzu Mberabyombi*



*Amacumbi yo mu Impinganzima ya Nyanza*

## 05 GUKOMEZA KUBAKA UBUSHOBOZI BW'INTWARARUMURI




Abanyamuryango ba Unity Club bahora biyungura ubumenyi kugira ngo bibafashe guhora ku isonga mu gutwara urumuri, ni muri urwo rwego tariki 29/05/2025 bahawe ikiganiro ku itegeko ryavuguruwe rigenga Abantu n'Umuryango. Aya mahugurwa yatanzwe n'abanyamuryango ba Unity Club aribo: Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, **Hon. Consolée UWIMANA** na Vice Perezida wa Sena ushinzwe Amategeko no Kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, **Hon. Solina NYIRAHABIMANA.**

# 06 GUSOZA ICYICIRO CYA KANE CY'UMUSHINGA WO KWIMAKAZA NDI UMUNYARWANDA MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA



Mu gikorwa cyo gusoza icyiciro cya kane cy'umushinga, ku wa 20/06/2025 i Kigali muri Lemigo Hotel, habaye inama yitabiriwe n'abanyamuryango ba Unity Club, abafatanyabikorwa muri uyu mushinga, abayobozi b'amashuri, abarimu n'abanyeshuri.

Muri iyi nama hamuritswe bimwe mu bikorwa byakozwe mu mishinga y'abanyeshuri bo muri za Kaminuza bibumbiye mu Mahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa yimakaza Ndi Umunyarwanda, habaye Ikiganiro nyunguranabitekerezo cyakozwe ku buryo bwa panel hanatangwa n'ishimwe ku Mahuriro 8 yahize ayandi. Abitabiriye inama kandi bagejejweho incamake y'ibyagezweho mu cyiciro cya 4 cy'umushinga n'ibikorwa bizibandwaho mu cyiciro cya gatanu cy'uyu mushinga.

Ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho mucyiciro cya gatanu:
*https://studio.youtube.com/video/PQLymr-8WWQ/edit*



**Ikiganiro nyunguranabitekerezo ku nsanganyamatsiko:** "Uruhare rw'Amashuri Makuru na Kaminuza mu Kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa, Gukumira no Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside":




*Uhereye i bumoso: Mme Grace USANASE, Hon. Claudette IRERE, Bwana Eric MAHORO, Dr. Thierry B. MURANGIRA*

Ikiganiro kirambuye Link: *: https://youtu.be/pTH5JegT06g?si=xIr9B6Ro5B-C6EEq*

**Gutanga ishimwe ku mahuriro yahize ayandi:** Guha ishimwe amahuriro yahize ayandi, ni uburyo bwo gutera umwete abari muri uyu mushinga (Motivation). Amahuriro yo mu mashuri 8 niyo yahawe ibihembo birimo icyemezo cy'ishimwe (certificate) n'amafaranga yo gukomeza kubafasha mu bikorwa.

UR Nyarugenge; INES Ruhengeri; Ishuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli; Catholic University of Rwanda; Rwanda Polytechnic Karongi College; Protestant University of Rwanda; ULK-Gisenyi Campus; University of Rwanda College of Education.



*Amashuri 8 yahize ayandi*

Reba andi maphoto:
https://flic.kr/s/aHBqjCiNn9

**Gusoza inama:**




*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club Madamu Julienne UWACU ageza ijambo ku bitabiriye igikorwa cyo gusoza icyiciro cya kane cyo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madamu Julienne UWACU, mu butumwa yatanze asoza, yashimiye abitabiriye inama bakanayigiramo uruhare, abafatanyabikorwa, amashuri yahize ayandi... yakomereje ku bikorwa by'ingenzi bizakorwa mu cyiciro cya gatanu cy'umushinga, abasaba gukomeza gufatanya aho yagize ati: ***"Dukomeze dushyire hamwe kugira ngo tuzashobore guhamya intego twiyemeje yo kubaka u Rwanda rwiza kandi rwunze UBUMWE."***

Ijambo ryose risoza: *https://youtu.be/gedKDbJESP0?si=Cq-wZcQmSjpJp05H*

Inkuru: *https://www.newtimes.co.rw/article/27440/news/ndi-umunyarwanda-students-rewarded-for-championing-unity*

## 07 INTWARARUMURI BAKOMEJE KWIMAKAZA UMUCO W'IMIBANIRE MYIZA



*Umuryango wa* **Chantal KAGAJU** *na*
**Dr Jean Damascène NTAWUKURIRYAYO**

Muri iki gihembwe hasuwe umuryango w'Intwararumuri **Chantal KAGAJU** na **Dr Jean Damascène NTAWUKURIRYAYO** bagize ibyago byo kubura umubyeyi hanatabarwa abanyamuryango bandi babiri bagize ibyago.



## 08 KUMENYESHANISHA IBIKORWA BYA UNITY CLUB

Intwararumuri Dr Musafiri Papias MALIMBA, Umwarimu n'Umushakashatsi, abinyujije mu nyandiko ngufi yanditse: UMUSARURO WO KWIMAKAZA NDI UMUNYARWANDA MU RUBYIRUKO RWO MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA



***"Ndi Umunyarwanda yagize uruhare rukomeye mu kurwanya ivangura n'amacakubiri mu rubyiruko.***
***Uko ibiganiro bigenda byaguka mu mashuri makuru, ni ko abanyeshuri bagenda bakira neza Ubunyarwanda, bagashishikarira kubana neza no gufatanya nk'Abanyarwanda".***

Soma Inkuru:
https://igihe.com/twinigure/article/ndi-umunyarwanda-ishyiga-ry-inyuma-mu-mashuri-makuru-na-za-kaminuza?var_mode=calcul

## 09 IBIKORWA BY'INGENZI BIRI IMBERE

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo. Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa birimo:

- Kwagura palliative care ya Huye
- Gukomeza kwagura Impinganzima ya Nyanza, Igice cya 2
- Gukomeza ibiganiro Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA
- Gutangiza icyiciro cya Gatanu cya Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru na Kaminuza
- Gusoza igikorwa cyo kuvugurura Inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda mu bufatanye na MINUBUMWE
- Gushimira abafatanyabikorwa
- Gusakaza Ubushakashatsi buherutse gushyirwa mu Kinyarwanda bwakozwe n'Umuryango Unity Club mu mwakwa wa 2023

***Umuryango Unity Club urashimira abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bawo bagize uruhare muri ibi bikorwa; uzakomeza ubufatanye n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta n'izigenga kugirango ugere ku ntego wihaye. Ni urugendo rugikomeza kandi ruzageza Umuryango kuri byinshi.***

## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

| | | |
|---|---|---|
| Repubulika y'u Rwanda | imbuto foundation | DEVELOPMENT BANK OF RWANDA BRD We empower you |
| AGACIRO DEVELOPMENT FUND | BNR | CrystalConnect |
| CORPS AFRICA | bk Foundation | I&M Bank |
| IHS Towers of strength | IRDP Dialogue & Consensus | MTN |
| RBA Rwanda Broadcasting Agency | rura Inspiring development RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY | RSSB Our Health Our Future |
| RWANDA MOUNTAIN TEA LTD | PSF FSP | CIMERWA |
| bpr BANK | Bralirwa | |

@UnityClubRw

www.unity-club.rw